RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
**P.O. Box 84 Kigali**
**info@rwandafda.gov.rw**
**www.rwandafda.gov.rw**

**Kigali,** 11 FEV 2020
**Ref N°** 233 **/RwandaFDA/2020**

**Abacuruza Inzoga (Bose)**
**Abadandaza inzoga (Bose)**
**Abaturarwanda**

Bwana/Madamu

**<u>Impamvu</u>: Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza no kunywa inzoga bita K'BAMBA zikorwa na BIO-HAP LTD, Kagarama, Kicukiro.**

Dushingiye ku itegeko No:003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo ya 8 igika cya kabiri, ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza y'ubuziranenge ajyanye no gukora, kubika, kugurisha, gukwirakwiza, gukoresha, gutumiza no kohereza mu mahanga, ibirango, ibipfunyiko n'ibyibanze bikoreshwa mu gukora ibigengwa n'itegeko ryavuzwe hejuru birimo ibiribwa byakorewe mu nganda, imiti n'ibindi;

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) gihereye ku makuru y'ingaruka kubazinyweye ndetse n'ubuziranenge bukemangwa bw'inzoga zitwa K'BAMBA; gishingiye kandi k'ubusesenguzi bukomeje gukorwa aho izo nzoga zakorwaga n'uruganda rwari rutaremererwa gushyira izo nzoga ku isoko ndetse izindi zikaba zariganwe, ikigo cy'igihugu gishinzwe ibiribwa n'imiti kibaye gihagaritse by'agateganyo ikwirakwizwa, igurishwa ndetse no kunywa izo nzoga zavuzwe haruguru mu ngano ya alukolo (Alcohol) yose ndetse no buryo bwose zipfunyitsemo.

| AMAZINA | IZINA RY'URUGANDA |
| --- | --- |
| K'BAMBA (Special Hydromel) 40% Vol,205 net content | BIO-HAP LTD Kagarama-Kicukiro |
| K'BAMBA (Senior Special Hydrome) 42% Vol, 750 ml | BIO-HAP LTD, Kagarama, Kicukiro |

**Icyo dusaba gukora**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) kirasaba:

- Abagurishaga (abadandazaga) izo nzoga zavuzwe hejuru, haba mu tubari no mu ma butike guhagarika kuzicuruza ndetse bakazisubiza aho baziranguriye,

- Abaranguzaga izo nzoga zavuzwe hejuru bose kwakira izo bagaruriwe bakazigeza ku ruganda ndetse no guha Rwanda FDA raporo y'izo baranguye n'izo basubije,

- Abaturarwanda bose kutongera kunywa izi nzoga mu gihe tugikora ubusesenguzi bwimbitse hagamijwe kurengera ubuzima

**Note:** Abantu bashaka gusaba ubusobanuro ndetse no kuduha amakuru bahamagara kuri **0789193529**


Amafoto yerekana ishusho y'izi nzoga ari kuri paji ikurikira.



Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

**Dr KARANGWA Charles**
**Umuyobozi Mukuru w'agateganyo wa Rwanda FDA**

-Ikinyobwa cyitwa K'BAMBA (Senior Special Hydrome) 42% Vol, 750 ml
-Gikorwa na BIO-HAP LTD Kagarama-Kicukiro



<table>
<tr>
<td>Ikinyobwa cyitwa K’BAMBA (Special Hydromel) 40% Vol, 205 net content<br>1. Gikorwa na BIO-HAP LTD Kagarama-Kicukiro<br>2. Kiriho umwaka cyakozwemo gusa<br>3. Ingano yacyo ahanditse Net Content ni 205</td>
<td>Ikinyobwa cy’icyiganano gisa na K’BAMBA (Special Hydromel)<br>1. Ugikora ntazwi<br>2. Kiba kiriho amatariki kizarangirira<br>3. Ingano yacyo ahanditse Net Content hariho<br>200 | 750ml</td>
</tr>
<tr>
<td>
</td>
<td>
</td>
</tr>
</table>